

KUGENZURA IMITERERE

IMPANO Z'UMWUKA- UMUTIMA- UBUSHOBOZI- KAMERE- INARARIBONYE
(Byahujwe bivanywe mu nyigisho zateguwe n'itorero rya Saddleback Community)

Nshuti Bagaragu ba yesu kristo,

Twizera byimbitse ko gukorera abandi, ari umurage ukubiye mu guhamagarirwa gukurikira Kristo. Gusobanukirwa uwo Imana yaguhamagarariye kuba, bigufasha kumenya icyo wahamagariwe gukora.

Kugira ngo tugufashe gusobanukirwa umuntu Imana yakuremeye kuba we, turifashisha uburyo bwimpine S.H.A.P.E bwamamajwe na Pasitori Rick warren na Pasitori Eric Rees bo mu itorero rya Saddleback muri Kaliforniya y'Amajyepfo. Mu gihe utangiye kugaragaza Imiterere wahawe n'Imana, turasaba Imana ko yagufasha gusobanukirwa kuyikorera icyo aricyo kugira ngo ubush-ake bwawe buhuze n'umugambi w'Imana.

Turagusaba ko wamenya ko tutagambiriye kuguhatira gukora ikintu runaka, bishingiye kubiribuve mwigenzura. Kuko intego y'iri genzura ari ukumenya icyerekezo wahitamo gukurikira. uburyo bworoshye bwo kumenya icyo wahamagariwe, ni ukwemera ugakora icyo igenzura rikubwira.

Urakoze kwemera gufata iyi nzira y'ubugaragu, Imana ibahe umugisha kandi ibayobore muri ubu bushakashatsi butangaje...UBUZIMA BUFITE INTEG0.

Inkoramutima yawe,

Imyirondoro yawe:

.....

IBYEREKEYE Imiterere (S.H.A.P.E) Uburyo 5 Imana yaduteguyemo:

S – Spiritual gifts (Impano z'umwuka) - Niyihe mpano y'umwuka Imana yampaye gukoreramo?

H – Heart (Umutima) nibihe bintu ushaka ukanakunda gukora?

A – Abilities (impano kavukire) – Ni izihe mpano kavukire ufite?

P – Personality (Kamere) – Ese ni hehe kamere yanjye ijyanye naho kurusha ahandi nkaba naha-korera?

E – Experiences (inararibonye) – Ni iyihe nararibonye mu buryo bw'Umwuka nagize?, Ni ibiki nahuye nabyo bikambabaza? Mu myigire? Mu murimo w'Imana?

“Umurimo w'Imana uzawukora neza, igihe uzaba ukorera Imana n'ubushobozi aho umutima wawe wishimira, kuko bizagaragaza imiterere yawe neza cyane.”

– Rick Warren

Turashimira cyane aba bakozi b'Imana bemera ko twifashisha ibikoreshe byabo:

- Ubuzima bufite Intego - Rick Warren (Saddleback Community Church)
- S.H.A.P.E. - Erik Rees (Saddleback Community Church)
- S.H.A.P.E. Assessment - Darell Hailey (Love Releases)
- S.H.A.P.E. Inventory - Gene Wilkes

Urufunguzo rw' Ibisubizo ku Mpano z'Umwuka:

1=	20=	39=	58=	77=	96=	115=	T=	A
2=	21=	40=	59=	78=	97=	116=	T=	B
3=	22=	41=	60=	79=	98=	117=	T=	C
4=	23=	42=	61=	80=	99=	118=	T=	D
5=	24=	43=	62=	81=	100=	119=	T=	E
6=	25=	44=	63=	82=	101=	120=	T=	F
7=	26=	45=	64=	83=	102=	121=	T=	G
8=	27=	46=	65=	84=	103=	122=	T=	H
9=	28=	47=	66=	85=	104=	123=	T=	I
10=	29=	48=	67=	86=	105=	124=	T=	J
11=	30=	49=	68=	87=	106=	125=	T=	K
12=	31=	50=	69=	88=	107=	126=	T=	L
13=	32=	51=	70=	89=	108=	127=	T=	M
14=	33=	52=	71=	90=	109=	128=	T=	N
15=	34=	53=	72=	91=	110=	129=	T=	O
16=	35=	54=	73=	92=	111=	130=	T=	P
17=	36=	55=	74=	93=	112=	131=	T=	Q
18=	37=	56=	75=	94=	113=	132=	T=	R
19=	38=	57=	76=	95=	114=	133=	T=	S

Hina iki gice mbere yuko winjira mu gice cyigenzura impano z'umwuka
(This to ensure that you are not influenced at all while answering the various questions)

Urufuguzo Rwo Kugenzura Impano Z'umwuka

A = Ubutegetsu / Gutegura	K = Gucumbikira abashyitsi
B = Intumwa / misiyoneri (Gutangiza amatorero)	L = Gusenga
C = Umunyabukorikori	M = Kumenya
D = Guhuza abantu	N = Ubuyobozi
E = Kurondora	O = Imbabazi
F = Gutera umwete / Guhumuriza	P = Guhanura / Kubwiriza
G = Ivugabutumwa	Q = Ubwungeri / Ubushumba
H = Kwizera	R = Kwigisha
I = Gutanga	S = Ubwenge
J = Gufasha / Gukorera abandi	

Gushyira mu bikorwa

Ubu reka ndutangire gufungura impano zawewe kuri (Urupapuro rwa7): Izi mpano zigabanyijemo ibice 5: Impano zo gufasha, impano zo kuvuga, impano zishyigikira izindi, n'izindi mpano zishobo-ka.

Nutangira gusoma ubusobanuro utangire urebe ibiyumviro by'ibanze wiyumvamo. Wibukeko ufite nibura impano imwe kandi ushobora kuba ufite impano nyinshi zinyurany.

IBYEREKEYE IMPANO Z'UMWUKA

“Bene data ibyerekeye impano z’Umwuka sinshaka ko mutabimenya” (1abakorinto 12:1) Impano z’Umwuka: n’ubushobozi budasanzwe Umwuka wera aha umuntu kugira ngo ayikorere, anakomeze umubiri wa Kristo.

Uburyo bwo guhishura impano zacu z’Umwuka:

- Mu bikorwa –Biroroshye kumenya impano yawe uri mu murimo, kuruta uko wamenya umurimo wawe binyuze mu mpano yawe.
- Soma/iga –.hari ibitabo byinshi bivuga ku mpano z’Umwuka
- Kora igenzura – Nk’iri ry’imiterere (S.H.A.P.E assessment).
- Saba abandi bakunganire–abandi bahora batubonamo impano tutakwibonamo.

IMPANO Z'UMWUKA

Icyerekezo:

Subiza ibibazo byerekeye Impano z’Umwuka ukurikije ikigipimo gikurikira:

3 = IGIHE CYOSE

2 = IBIHE BIMWE NA BIMWE

1 = RIMWE NA RIMWE

0 = NTANARIMWE

Ukoresheje urufunguzo rw’ibisubizo ruri ku rupapuro rwa 2, andika igisubizo kijyanye na buri nteru-ro iri mu kazu.

Icyitonderwa: Subiza ukurikije uwo uriwe atari uwo ushaka kuba cg utekereza kuba we. Ese ni gute wumva izi mvugo ari zo kuri wowe? Ese mu buzima wahuriye he nazo? Ese izi mvugo ziku-vugaho kugeza kuruhe rwego?

Kora igiteranyo cya buri kazu gahagaze maze wandike uwo mubare mu mwanya w’igiteranyo rusange (T)

URUGERO:

1= 3	20= 2	39= 3	58= 1	77= 2	96= 3	115= 1	T= 15	A
------	-------	-------	-------	-------	-------	--------	-------	---

Nurangiza isuzuma, turagusaba kwimurira impano zawe 3-5 ziza imbere kurusha izindi mu mwirondoro w’imiterere yawe.

ICYITONDERWA

Gukiza indwara, gusobanura indimi, ibitangaza, kuririmba no kuvuga mu ndimi ntabwo zashyizwe mu iri genzura ry’impano kuko iyo ziri mu buzima bw’umwizera zirigaragaza.

Igenzura ry' Impano z'Umwuka

- 1) Gutegura abantu, imirimo n'ibitaramo.
- 2) Ndashaka gutangira amatorero aho atari muri iki gihe.
- 3) Nkunda gukoresha imbaho, imyenda, amarangi, ibyuma, ibyatsi.
- 4) Nkunda guhugura abantu ku myitwarire yabo mu buryo babona Imana nkoresheje ubuhanzi butandukanye.
- 5) Nshobora gutandukanya ukuri, ubuyobe, icyiza n'ikibi mu buryo bw'umwuka.
- 6) Nkunda kubona ubushobozi mu bandi.
- 7) Mvuga ubutumwa bwiza neza.
- 8) Biranyorehera kandi bimbamo kwizera ko Imana isubiza amasegesho yanjye.
- 9) Ntangana umutima ukunze kandi nezerewe mfashisha amafaranga abantu bayakeneye cyangwa bafite imishinga isaba inkunga.
- 10) Nkunda kuba inyuma y'abandi nshyigikira imirimo yabo.
- 11) Mbona urugo rwanjye ari ahantu ho gufashiriza abantu bafite ibyo bakeneye.
- 12) Nsengera ibyifuzo by'abandi.
- 13) Abantu baza kumbaza ku nkuru n'ukuri kwa Bibiliya iyo bakeneye gusonanukirwa.
- 14) Nshishikariza abandi kugira ngo bagere ku ntego zabo.
- 15) Mbabarana n'abababaye kandi nkumva twafatikanya kugeza bakize.
- 16) Ndavuga ku buryo bigera aho abantu bemera guhinduka no gufata icyemezo.
- 17) Nkunda kumara igihe nita ku bandi.
- 18) Nshobora kuvuga imirimo y'Imana mu buryo bworoshye.
- 19) Mpora nshakishwa n'abandi kugirango mbagire inama mu by'Umwuka no mubuzima bwabo bwite.
- 20) Nshobora gukurikirana utuntu duto duto
- 21) Numva nakorera mubindi bihugu no mu bandi baturage b'andi moko.
- 22) Mfite ubushobozi bwo gukoresha ibikoresho bitandukanye.
- 23) Nkunda gukora ubukorikori (gufotora, kuririmba, gusetsa)
- 24) Nshobora kurondora ingeso z' umuntu nkimubona.
- 25) Nezezwa no guhumuriza no gukomeza abacitse intege.
- 26) Nshakashaka amahirwe yo gukundana n'abatari abakristo.
- 27) Mporana icyizere ko Imana izampa ibyo nkeneye ikanantabara mubihe bikomeye.
- 28) Ntaga ibirenze icya cumi kugira ngo Ubwami bw'Imana bwaguke.
- 29) Nkunda gukora imirimo ya buri munsu ifasha umurimo w'Imana.
- 30) Nkunda guha ikaze abantu bashya.
- 31) Nkunda gusenga igihe kirekire nkanategereza kumva icyo Imana ishaka ko nsengera.
- 32) Nakira iyerekwa mpawe n'Umwuka w'Imana bitanyuze mu nzira z'imiterekereze y'umubiri.
- 33) Nshobora gushishikariza abandi kugera ku iyerekwa bafite.
- 34) Mbasha gufasha abaca mu buribwe nihanganye murugendo rwabo rwo gusubirana umwanya uhamye mu buzima.
- 35) Nkunda gucyaha abandi mpagaze mu kuri.
- 36) Ngirira impuhwe abakristo bajarajara nkumva nabarinda.
- 37) Nshobora kumara igihe nsoma kugirango menye ukuri nageza ku bandi kuko nziko gushobora guhindira ubuzima bwabo.
- 38) Akenshi nshobora kubona ibisubizo byoroshye kandi bishoboka n'iyi naba ndi hagati mu makimbirane cyangwa urujijo.
- 39) Nshobora gushyiraho intego kandi nkanayigeraho.
- 40) Niteguye kugira uruhare ruhagije mu mirimo yo gutangiza itorero rishya.
- 41) Nkunda gutegura ibintu byakoreshewa mu murimo w'Imana.
- 42) Mfasha abantu kwisobanukirwa, uko ubumwe bwabo n'Imana buhagaze nkoresheje imvugo y'ubuhanzi.
- 43) Nshobora kubona ibinyoma mbere y'uko bigaragarira abandi.
- 44) Mpumuriza abandi mbereka amasezerano y'Imana.
- 45) Nshobora gusanisha ubutumwa bwiza n'ubuzima busanzwe n'ibyifuzo by'umuntu ku giti cye.

- 46) Nizerako Imana izamfasha gukora ibyubutwari.
- 47) Nkoresha neza amafaranga kugira ngo nsigarane ayo gutanga.
- 48) Nkora imirimo iciriritse myishi hanze y'itorero kugirango nkemure ibibazo by'abandi.
- 49) Nizerako Imana iyobora abantu bashya guhura, najye nkabahuza nabandi.
- 50) Iyo ndimo gukorera abandi ndanabasengera.
- 51) Niyemeje kandi nshyiraho ibihe na gahunda yo gusoma ibyanditswe kugirango menye ukuri kwa Bibiliya mu buryo bwuzuye kandi budaciye iruhande.
- 52) Nshobora kuvugurura imiyoborere yanjye kugira ngo ndebeko hari icyiza kirushijeho navoma mu bandi.
- 53) Nezezwa no gufasha abantu rimwe na rimwe bagaragara nk'abatabikwiriye cyangwa barenze urugero rwo kuba bafashwa.
- 54) Nkora uko nshoboye kose kugira ngo ndwanye imyigishirize idakurikiza ijamba ry'imana
- 55) Nkunda kuyobora umuntu muri byose- mu mibanire, mu maragamutima, no mu mwuka nibindi.
- 56) Mfata igihe gihagije cyo kwiga ijamba ry'Imana kugira menye ukuri gushya kwa Bibiliya maze nkugeze ku bandi.
- 57) Nshobora gutoranya mubikorwa byishi bishoboka icyo nakora kigatanga umusaruro kurutaho.
- 58) Nshoboye kumenya ibikenewe nkanabikoresha kugira ngo ndagize akazi.
- 59) Nimenyereza gukorera mu bantu batandukanye no mu buzima butandukanye.
- 60) Nshobora kubona uko ikintu kiribukorwe mbere y'uko kibaho.
- 61) Nkunda gushaka uburyo bushya bwo kugeza ukuri kw'Imana ku bantu.
- 62) Nkunda guhishurirwa ahari ukuricyangwa se ibinyoma mu bihe byose.
- 63) Nkunda gukomeza abashaka gukora ibikorwa by'ubutwari mu kwizera kwabo, mu muryango cyangwa mu buzima busanzwe.
- 64) Nkunda guhamagarira abatarakizwa kwemera Kristo nk'Umukiza wabo.
- 65) Nizera Imana mubihe bigaraga ko umuntu ntacyo yakora mu mbaraga ze ngo ahirwe.
- 66) Nkunda kwirinda kugira ngo nshobore gutanga cyane mubyo nunguka.
- 67) Mbona umumaro wanjye muburyo bw'Umwuka iyo nkoze ibintu bifatika.
- 68) Nkunda kurema ahantu abantu biyumvako batari bonyine.
- 69) Nsenga nizeye ko Imana iri bunsubize.
- 70) Iyo ikintu ari ukuri mbyiyumvamo cyangwa nkahita mbibona ako kanya.
- 71) Nyobora abantu n'ibintu neza kugira ngo tugere ku ntego dufite.
- 72) Ngira urukundo rwinshi ku bantu bababara.
- 73) Mbona ibikorwa byinshi, ar'iby'ukuri n'ibitari iby'ukuri nkaharanira gukosora ibitari ukuri.
- 74) Mba umwizerwa mu gufasha abandi no kubagirira umutwaro igihe kinini.
- 75) Nkunda kwiga bibiliya mu buryo butuganye.
- 76) Nshobora kubona hakiri kare ingaruka ziribuve mubikorwa by'abantu ku giti cyabo cyangwa itsinda.
- 77) Nkunda gufasha abantu cyangwa umuryango gukora neza no gutera imbere.
- 78) Nshobora kubana n'abandi tudahuje umuco mu buryo bworoshye.
- 79) Mpa Imana icyubahiro nkoresheze impano zanjye z'ubukorikori.
- 80) Nkoresha ubuhanzi butandukanye kugira ngo ngaragaze ukuri kw'Imana.
- 81) Numva abandi bashima ubunyangamugayo bwanjye n'ibitekerezo byanjye.
- 82) Nkomeza abadakomeye mu kwizera.
- 83) Mbwira abantu ko nkijijwe nshaka ko bambaza ibyo kwizera kwanjye.
- 84) Nemera buri muni ko gukora kw'Imana n'ubwiza bwayo biri mu buzima bwanjye.
- 85) Nkunda kubona ubwitage bwange mu mafaranga buzana impinduka igaragara mu buzima bw'abantu n'umurimo w'Imana bakora.
- 86) Nkunda kureba utuntu duto duto dukeneye gukorwa nkadukora batagombye kumbwiriza.
- 87) Nkunda kunezeza abantu no kubakira iwanjye.
- 88) Iyo numva hari abababaye bakeneye gufashwa mbigirira umutwaro nkabisengera.
- 89) Hari ibintu menya kubandi ntazi neza uburyo nabimenyemo.
- 90) Nshishikariza abandi kugerageza ubushobozi bwabo kugeza aho burangirira.

- 91) Nshobora kurenza amaso intege nke z'abandi cyangwa ibibazo bafite kugira ngo mbabonemo igifite agaciro imbere y'Imana.
- 92) Nkunda abantu bavugisha ukuri kandi baharanira ukuri.
- 93) Nshimishwa no gufasha no kuyobora itsinda rito ry'abantu.
- 94) Ngeza ibyanditswe kubandi mu buryo bubatera umwete kwiga no kumenya byinshi birenzeho.
- 95) Nkunda gutanga inama ku bantu bari mubihe bikomeye kugira ngo babivemo.
- 96) Nshimishwa no kumenya uburyo imiryango ibaho.
- 97) Nkunda kuba uw'imbere mu gutangiza ibintu bishya.
- 98) Nshimishwa no gukoresha amaboko yanjye.
- 99) Nkunda guhanga udushya no kwagura ibitekerezo.
- 100) Nshobora kumenya ibibwirizwa, inyigisho n'amakuru adahuje n'ukuri kwa Bibiliya.
- 101) Nkunda gushishikariza abandi gutera intambwe muby'Umwuka.
- 102) Nkunda gutanga ubuhamya bw'ibyo Imana irimo kunkorera.
- 103) Mpora mpugurira abandi kwizera Imana.
- 104) Ntangana umutima ukunze kubwo kwiyezeza kuba igisonga cyiza.
- 105) Numva mbohokeye gufasha abandi gukora imirimo yabo neza kurutaho.
- 106) Nkora ibishoboka byose kugira ngo ndebeko abantu bakumvako hari aho babarizwa.
- 107) Numva binteye ishema iyo umuntu ambwiye kumusengera.
- 108) Iyo niga ijamba ry'Imana mbona ibintu byafasha umubiri wa kristo.
- 109) Nkunda kugaragaza iyerekwa abandi bemera kwibonamo.
- 110) Nkunda guhumuriza abantu bari mubihe bikomeye
- 111) Mvuga ukuri kw'Imana n'ahantu kutamenyerewe cyangwa bigoye ko bakwemera.
- 112) Ngaruza ubugwaneza abakristo bajarajara mu kwizera.
- 113) Nigisha kuburyo umuntu yabishyira mu buzima bwe.
- 114) Nshyira mu bikorwa ibyanditswe byera mu buzima abandi babona ko ari iby'umumaro.
- 115) Nshobora kubona ibigiye kuba, ibibazo bizaba birimo naragiza nkabitegurira.
- 116) Nkunda kuyobora imirimo itandukanye ikorerwa mu itorero.
- 117) Nkunda gukora no gutangiza ibintu bifasha itorero.
- 118) Buri muni mfata igihe nkiherera ngatekereza.
- 119) Nshobora kumenya ko imbaraga z'abadayimoni zirimo gukorera mu buzima bw'umuntu cyangwa ziri ahantu.
- 120) Ngerageza guhugura abandi mu gukura mu buryo bw'Umwuka.
- 121) Mpora nshakisha amahirwe yo kuganira n'abatizera ku mibereho y'Umwuka.
- 122) Nkomeza gukora ntitaye ku mwanya ndimo cyangwa kubura ubufasha iyo numva ko umurimo runaka urimo umugisha w'Imana.
- 123) Nemerako nahawe byinshi bihagije kugira ngo ndusheho gutanga mu murimo w'Imana.
- 124) Nkoresha ubumenyi kavukire n'ubw'ibyo nize ngo mfashe aho bikenewe hose nkabikora nezerewe.
- 125) Nturisha abantu ngo bumve baruhutse nubwo twaba turi ahantu tutamenyerewe.
- 126) Kenshi mbona umusaruro ufatika mu bisubizo by'ako kanya by'amasegesho yanjye.
- 127) Nigirira icyizere mu gusangiza abandi ubumenyi bwajye n'ibitekerezo byanjye.
- 128) Menya ahantu hakenewe ubufasha nkajyayo ngafasha n'abandi kujyayo.
- 129) Nkunda gukora ibintu bifatika byafasha abandi.
- 130) Nshobora kugaragaza icyaha aho kiri ngashishikariza abantu kwihana.
- 131) Nkunda kugira uruhare mu gukura kw'abandi bakristo.
- 132) Nkunda gusobanurira abandi kugira ngo bakure mu mwuka.
- 133) Mfite ubushobozi bwo gukemura ibibazo abandi batabona.

IMPANO ZO GUKORERA ABANDI

UBUYOBOZI / GUTEGURA (1 Abakorinto: 14: 40)

Ubushobozi budasanze bwo gutegeza no gukurikirana abantu, ibikoresheho n'igihe kugira ngo umurimo w'Imana ukorwe neza. Ubushobozi bwo gutegeza imigambi ukanakurikirana buri kintu, unabiyobora mu buryo bufite intego kandi buteganywe ubuhanga. Bityo ugashyira mubikorwa iteganywa imigambi ry'ubuyobozi.

KUROBANURA IMYUKA (1 Abakorinto 12: 10)

Ubushobozi budasanze bwo gutandukanya ikiza n'ikibi, ukuri n' makosa, no guhita ukora ubu-genzuzi bushingiye ku kuri kw'Imana. Kugenzura ko ibitera umuntu gukora cyo uko agaragara biva kuri Satani, kuriwe cyo ku Mwuka w'Imana.

KWIZERA (1 Abakorinto 12: 9; 13: 2)

Ubushobozi budasanze bwo kwiringira Imana kubitagaragara no gukora ugendera ku masezer-ano y'Imana, utitaye ku ibyo imibereho y'akao kanya igaragaza. Ubushake bwo kwemera ingorane ziba mugutsindwa ukurikije iyerekwa wahawe n'Imana, utegereje ko Imana izakuraho imbogamizi.

GUTANGA (Abaroma 12: 8)

Niubushobozi budasanze bwo gutanga ubikunze kandi unezerewe ugatanga ubutunzi cyo ama-faranga kugira ngo umubiri wa Kristo ubashe gukura no gukomera. Ubushobozi budasanze bwo kubona no gucunga amafaranga kugira ngo azatangwe ashigikire umurimo abandi bakora.

GUFASHA / GUKORERA ABANDI (1 Abakorinto 12: 28)

Ubushobozi budasanze bwo Kumenya ko hari ibikenewe mu itorer, ugashyira wiyemeza gutanga ubufasha bugaragara mubikorwa, unezerewe kandi udakeneye gushimwa n'abantu. Ubushake bwo gukoresha impano zawe igihe, n'imbaraga mu gufasha undi umuntu mu gusohozwa imigambi intego za Kristo, bityo ugafash'abandi kwongera ubushobozi bwo gukora neza umurimo wabo mu "miterere" yabo.

GUCUMBIKIRA ABASHYITSI (1 Petero 4: 9-10)

Ubushobozi budasanze bwo gutera abandi kumva bakirwe neza, bisanga, bakumva bamere neza. Ni ubushobozi budasanze bwo kuyobora ibitera imibereho myiza iteza imbere ubusabane n'ubumwe.

GUTWARA (Abaroma 12: 8)

Ubushobozi budasanze bwo kugaragaza no kugeza kubantu intego n'iyerekwa by'umurimo, muburyo bushishikariza abandi kubigira mu uruhare. Ubushobozi budasanze bwo kubona IMIT-ERERE y'abandi bantu muri kumwe, ukabashyira mu mwanya uzatuma bagira uruhare mukuran-giza umurimo. Ubushobozi budasanze bwo gushishikariza abandi mu bikorwa ubabera urugero rwiza mu gukorera hamwe mu kugera ku ntego z'umurimo w'Imana.

UBUNTU (Abaroma 12: 8)

Ubushobozi budasanze bwo kubona abantu bababaye mu buryo bw'umubiri, mubitekerezo n'umutima ukishyira mu mwanya w'abo bababaye, haba imbere mu itorero cyo hanze yaryo, maze ukababarana nabo haba mu'itorero cyo hanze. Ubushobozi budasanze bwo gutera inkunga abari mu bubabare, ingorane no mumubabaro, ubitewe n'umutima w'impuhwe kandi ubikunze.

GUHANGA UDUSHYA MU ITUMANAHU (Zaburi 144: 9)

Ubushobozi budasanze bwo gutekereza cyangwa gufatira ku bitekerezo by'umwimerere uka-rema ikintu. Ubushobozi budasanze bwo gushyiraho ibitekerezo bishya kugira ngo ushobore gutambutsa ukuri kw'Imana muburyo gukora ku mitima y'abantu. Ubushobozi budasanze bwo gutekereza ubuhanga n'ubuhanzi butandukanye nyuma bugakoreshe mu murimo. Ubushobozi bwo kwerekana imikorere inyuze mu buhanzi bw'uburyo bunyuranye.

IMIRIMO MYIZA (Abefeso 2: 10)

Ubushobozi budasanzwe bwo kurema no gutuganya ikintu ukoresheje amaboko. Ni ubushobozi budasanzwe bwo gukoresha ibikoresho bitandukanye, gukora imirimo itandukanye, bidufasha kubaka ahantu hoguhimbariza Imana. Ubushobozi budasanzwe bwo kubaka, kurinda no kugira neza ahantu ho gukorera Imana kubw'icyubahiro cyayo.

IMPANO ZO KUVUGA

GUHUGURA (Abaroma 12: 8)

Ubushobozi budasanzwe bwo gushishikariza abantu b'Imana gushyira mu bikorwa amahame ya Bibiliya, cyane cyane mu bihe bacitse intege mubyo kwizera. Ubushobozi budasanzwe bwo ku-bona ikiza mubandi (gutera umwete cyangwa gucyaha), no kubatyariza kugira ngo batere imbere mu bushobozi bwobo.

UBUMENYI (1 Abakorinto 12: 8)

Ubushobozi budasanzwe bwo kuvumbura, gushyira hamwe, gesesengura, gushyira muri gahunda no gutanga ubutumwa bwihariye kuri buri mwizera cyangwa ku itorero ryose. Ubushobozi bwo gusobanukirwa amakuru menshi cyane no kuyatanga igihe akenewe kugirango hafatwe ibyemezo.

GUHANURA / KUBWIRIZA (1 Abakorinto 14: 3, 24, 25)

Ubushobozi budasanzwe bwo kuvuga ijambo ry'Imana muburyo bw'ihishurirwa bwemeza aba-tizera bukanahindura ndetse bugahumuriza abizera. Ni ubushobozi bwo gutangaza ubushake bw'Imana ushize amanga. Uwo murimo icy'ibanze uba ugamije gukomeza, guhugura no kurema umutima abizera binyuze mu ijambo ry'Imana.

(Icyitonderwa: Abahanuzi nanone batangaza ibihano bizakurikira abatazumvira ibyabwirijwe n'abandi bahanuzi, ari nako buri wese acira bugufi ndetse akagandukira abandi bahanuzi.)

KWIGISHA (1 Abakorinto 14: 26)

Ubushobozi budasanzwe bwo guha abantu b'Imana uburere, binyuze mu gusobanura no gushyira mu bikorwa ijambo ry'Imana mu buryo butuma abantu bagira gusobanukirwa no kumurikirwa bagahumuka. Ubushobozi budasanzwe bwo guha ubushobozi no gutoza abandi bizera ubategurira gukora neza umurimo w'Imana.

UBWENGE (1 Abakorinto 2: 6-16: 12: 8)

Ubushobozi budasanzwe bwo gusobanukirwa uburyo ijambo ry'Imana rihura n'ubuzima ducamo no gutangaza uburyo Imana imbona igihe runaka cy'imibereho, ukabivuga muburyo bworoshye kandi busobanutse, kuri bose.

IMPANO ZUNGANIRA IZINDI

INTUMWA / MISIYONERI (Abefeso 4: 11; 2 Timoteyo 1: 11)

Ni umuntu wahamagawe kandi akarobanurwa n'Umwuka wera biciye mw'itorero akoherezwa kuvuga ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo, abwiriza ijambo ry'Imana, yigisha, ahugura, akomeza ubugingo bw'abakira ubutumwa abagezaho. Ni umuntu uba ufite impano zitandukanye ukora umu-rimo wo gukoresha impano yahawe ashingira amatorero mashya. (Ibyakozwe n'intumwa 13: 2-5, 14: 21-23, Abaroma 15: 20)

IVUGABUTUMWA (Abefeso 4: 11; Ibyakozwe n'intumwa 8: 26-40)

Umuvugabutumwa ni umuntu ufite ubushobozi budasanzwe bwo kubwiriza abantu badakijijwe ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo mu buryo bwiza, butabakanga. (Ibyakozwe n'intumwa 21: 8; 2 Timoteyo 4: 5)

UBWUNGERI / UBUSHUMBA (Ebefeso 4: 11; Ibyakozwe n'intumwa 20: 17-32)

Uyu ni umuntu mw'itorero ryahantu ufite umurimo wo « kuragira intama » cyangwa akerekana ukwita no guhangayikira ubuzima bwiza bw'abizera, abigisha kandi abereka uburyo bwo gushyira amahame y'ibyanditswe mu bikorwa. Intego nyamukuru y'umushumba ni uguha ubushobozi abera kugira ngo bakore umurimo. Nubwo uyu murimo usaba n'impano zitandukanye, unasaba impano zibarizwa mu matsinda atandukanye, ubwo rero uburyo umurimo w'abantu ukorwa mu nzego nyin-shi nabwo ntibuzaba bumwe.

UBWINGINZI / GUSENGA (Abakorosayi 1: 9-12)

Ni ubushobozi budasanzwe bwo gusengera ibyifuzo by'abandi mw'itorero igihe kinini kandi buri gihe. Ni ubushobozi bwo kuguma usenga ntucike intege kugeza igihe Imana igushubirije.

IZINDI MPANO

GUKIZA INDWARA (IBYAKOZWE N'INTUMWA 5: 14-16)

Ni ubushobozi budasanzwe bwo gukiza ubikoreshejwe n'Umwuka Wera indwara zo mu mwuka, mu mubiri n'amaragamutima. Muri bibiliya iyi mpano yari iyo kwemeza ko abantu bakoreshwa n'Imana ndetse ko n'umurimo bakora hamwe n'ukuri bavuga ari ibituruka ku Mana.

GUSOBANURA INDIMI (1 Abakorinto 12: 10, 30)

Ubushobozi budasanzwe bwo gusobanura indimi z'umwuka Wera, zivuzwe ugasobanurira abantu bahari muburyo busobantse ubafasha ukamenyakanisha icyo undi muntu wazihawe n'Umwuka ashaka kuvuga.

INDIMI ZITANDUKANYE (IBYAKOZWE N'INTUMWA 2: 4-21; 10: 46)

Ubushobozi budasanzwe bwo kuvuga indimi zitazwi n'uzivuga hagamijwe kuvuga imirimo itangaje y'Imana, ushimira ibyiza n'imigisha y'Imana ariko ibi bishobora kugenzurwa n'umenyereye uburyo izo ndimi zivugwa. (1 Abakorinto 12:10, 28, 30 14:14-17, 22)

IBITANGAZA (IBYAKOZWE N'INTUMWA 5: 12-14; 14: 3)

Ubushobozi budasanzwe bwo gukoreshwa n'Umwuka Wera, gukora ibintu bidasanzwe ariko bishobora kubonwa n'amaso. Ariko iyo ugenzuye muri Bibiliya usanga iyi mpano yatanze kugira ngo yemeze imirimo yabakoze b'Imana n'ukuri bavuga.

KURIRIMBA (1 Abakorinto 14: 26; Abefeso 5: 18-19)

Ubushobozi budasanzwe bwo kwizihiza no guhimba ukubaho kw'Imana ukoresheje indirimbo, amajwi n'ibyuma kandi ufasha itorero kuramya Imana.

Ubwo umaze kumenya no kuvumbura izo mpano zose, senga usaba Imana ikwereke impano 5 ufite zikugaragaraho kurusha izindi, ari nazo tugusaba guteza imbere kugira ngo urusheho gukora neza umuhamagaro Imana yashyize mu buzima bwawe.

Impano z'umwuka 5 zingaragaraho kurusha izindi ni:

1.
2.
3.
4.
5.

Ingingo ugomba kwibuka!

KUGIRA NGO KUVUMBURA IMPANO Zawe BYOROHE KURUSHAHO
NI UKO WAGIRA URUHARE MU MURIMO
KURUTA UKO WAZIMENYA BINYUZE MU IGENZURA.

IBYEREKERANYE N'UMUTIMA

“Kandi wishimire uwiteka nawe azaguhira ibyo umutima wawe usaba” zaburi 37: 4

Ikindi gisobanuro cy'umutima ibyo usaba!

Fata akanya utekereze kuri ibi bibazo:

Ni iki kikuyobora?

- Wumva wakora iki uramutse umenye ko kitakunanira?
- Niki kiguhata gukora ibyo ukora?
- Niki kigutwara umutima byimbitse kikanatuma udasinzira nijoro?

Ni bantu ki wumva wafasha kurusha abandi?

- Wumva ari bande wazanira impinduka kurusha abandi?
- Ese hari ikigero cy'umyaka wumva ukururwa gukorana nacyo kurushaho? Niba aribyo ni iyihe myaka?
- Ese hari itsinda ry'abantu wumva wakwegere kurushaho?

Nibihe byifuzo numva binkurura kurushaho?

- Ni ibihe byifuzo bibiri by'ingenzi numva nakemurira abantu kuruta ibindi?
- Kuki numva nafasha gukemura ibyo byifuzo?

Ni ikihe numva ngirira umutwari?

- Ni ikihe kintu gituma umutima wanjye utera vuba?
- Nihehe numva nakorera Imana mu kuhazana impinduka?

UMUTIMA:

Amabwiriza: Genzura buri gasanduku wumva kajyanye nawe.

Abantu nshaka gufasha cyane kurusha abandi ni:

- | | | | |
|--|---------------------------------------|---|---|
| ☐ Abana | ☐ Abana bato | ☐ Abapfakaye | ☐ Ababana n'ubumuga |
| ☐ Imfubyi | ☐ Abagabo | ☐ Abagore | ☐ Abiga mu mashuri makuru |
| ☐ Abakuze | ☐ Ababyeyi | ☐ Abashatse vuba | ☐ Abatandukanye n'abo bashakanye |
| ☐ Abatuye bonyine | ☐ Imfungwa | ☐ Urubiruko | ☐ Ababyaye bakiri mu myaka |
| ☐ Abakene | ☐ Abasibabwira | ☐ Abadafite aho baba | ☐ Ababyaye batashakaye |
| ☐ Abari mu bitaro | ☐ Abashomeri | ☐ Abatari abakristo | ☐ Abandi: |
| ☐ Abakristo (abanyetorero, abayobozi/abamisiyoneli, abandi) | | | ☐ Abandi: |

Ibintu cyangwa impamvu zintera guhaguruka kurusha izindi ni:

- | | | | |
|---|--|--|---|
| ☐ Ubusinzi | ☐ Ubumwe bw'abakristo | ☐ Amategeko/ imikore re y'ubutabera | |
| ☐ Indangagaciro | ☐ Kutita kuby'Umwuka | ☐ Gutandukana kw'abashakanye | |
| ☐ Akarengane | ☐ Imari | ☐ Ubuzima / kumererwa neza | |
| ☐ Ubumuga | ☐ Gutangiza amatorero | ☐ Ab'ejo hazaza | |
| ☐ Umuziki | ☐ Ikoranabuhanga | ☐ Guhimbaza no kuramya | ☐ Abana bari mu kaga |
| ☐ Sida | ☐ Abatagira rutangira | ☐ Abantu kutagira aho baba | ☐ Ihohoterwa |
| ☐ Uburezi | ☐ Ingo/ umuryango | ☐ Ibiterane by'amasengesho | ☐ Ubwere |
| ☐ Ibidukikije | ☐ Ubukene/inzira | ☐ Kurera kw'ababyeyi | ☐ Ibindi: |
| ☐ Ubuzimabw'imibonanyombabwira | ☐ Imyuga no gukora imyiyerekano | | ☐ Ibindi: |
| ☐ Abokamwen'ibiyobyabwenge | ☐ IKujyana ubutumwa ku isi yose | | ☐ Ibindi: |

Ese nirihe yerekwa n'intego Imana yashyize k'umutima wawe?

.....

.....

IBIGENDANYE N'UBUSHOBOZI

Twese hari ubushobozi twagiye twimenyaho mu gihe cy'ubuzima bwacu.

Soma uru rutonde rwubushobozi bwihariye maze urebe ubwo urimo indashyikirwa n'ibyo ukunda gukora.

Ubushobozi

- ☐ Kujyanisha – ubushobozi bwo kunoza, guhindura, gukuraho no kuvugurura
- ☐ Kuyobora – ubushobozi bwo gutwara, kuyobora imirimo, gutegeka
- ☐ Gusesengura – ubushobozi bwo kwitegereza, kugenzura, gucukumbura, kugenzura
- ☐ Ubuhanzi – ubushobozi bwo kujyanisha ibintu, gushushanya, gusiga, gufotora, gusobanura
- ☐ Kubaka – ubushobozi bwo kubaka, kurema, guhuza ibintu
- ☐ Gushyira mu byiciro – ubushobozi bwo gutondeka no gupanga ibitabo, amakuru, inyandiko n'ibikoresho kugira ngo uz-abikenera azabibone bimworoheye
- ☐ Gutoza – ubushobozi bwo gutegura, kwigisha, guhugura, guha ubushobozi, kurera
- ☐ Gutumanaho – ubushobozi bwo gusangiza, gutangaza, gusakaza
- ☐ Kurushanwa – ubushobozi bwo guharana, gutsinda, guhirimbana
- ☐ Guhanga – ubushobozi bwo kwandika indirimbo n'amagambo yazo
- ☐ Kubara – ubushobozi bwo guteranya, kugereranya, gushaka igiteranyo, gushaka umubare
- ☐ Guhuza – ubushobozi bwo guhuriza hamwe, kwinjiza mu mirimo, gusanisha
- ☐ Ubujyanama – ubushobozi bwo gutanga inama, kujya impaka, kugena
- ☐ Ubutetsi – ubushobozi bwo gutegura, guhereza, kugabura, kugemura (kugemurira amatsinda mato cyangwa manini)
- ☐ Guhuza ibikorwa – ubushobozi bwo gutegura, guhuza, kuryoshya
- ☐ Kujya inama – ubushobozi bwo gufasha, gutega amatwi, kwitaho, guhumuriza no kuyobora inzira ufite urugwiro
- ☐ Kubarura – ubushobozi bwo gukora akazikajyanye n'imibare, amakuru ashyingurwa hamwe n'amafaranga
- ☐ Gutaka – ubushobozi bwo kugaragaza neza, gutanaga, gutunganya ibintu ukabigira byiza kandi bibereye umuhango runaka
- ☐ Gutegura – ubushobozi bwo gushushanya, kurema, guha ishusho, gutanga incamake
- ☐ Guteza imbere – ubushobozi bwo kwagura, gukuza, guteza intambwe, kongera
- ☐ Kuyobora – ubushobozi bwo gushyiraho intego, gucunga, kugenzura
- ☐ Kunoza – ubushobozi bwo gukosora, kuvugurura, guhindura, gutunganya, gusoma ibyanditswe n'abandi, kwandukura
- ☐ Guhumuriza – ubushobozi bwo gushimisha, kungura inama, gushyigikira
- ☐ Ubwubatsi – ubushobozi bwo kuzamura inyubako, kugaragaza ishusho no gutegura
- ☐ Ubushyushyarugamba – ubushobozi bwo kugaragaza mu ruhamwe, gukina imico inyuranye, kuririmba, kuvuga
- ☐ Kugira indashyikirwa – ubushobozi bwo kuba umwiza kuruta abandi, gutuma ikipe yanje iba iya mbere, kubaka no kwerekeza urwego rwo hejuru y'ibindi
- ☐ Kugenzura – ubushobozi bwo gusesengura amakuru no gufata imyanzuro
- ☐ Guhaha – ubushobozi bwo gukusanya, kwakira ibintu, kubona ibyiza biruta ibindi ku giciro cyiza kuruta ibindi
- ☐ Korohereza – ubushobozi bwo gufasha, gutanga inkunga, gushyigikira, gutuma ibintu bishoboka
- ☐ Guteganya ibihe – ubushobozi bwo kumenya ibizaba mbere y'uko biba, kubara, kurema amabwiriza, uburyo n'insanganyamatsiko
- ☐ Gushyira mu bikorwa – ubushobozi bwo gukurikiza, gusohozza, gutuma ibintu biba
- ☐ Kuvugurura – ubushobozi bwo kugira ibintu byiza kurushaho, kugaragaza kurushaho, gutuma biramba, gukungahaza
- ☐ Gutera impinduka – ubushobozi bwo guhindura ibintu, kuyobora aho ushaka, guha ishusho, guhindura
- ☐ Kwitegereza – ubushobozi bwo kuvumbura imiterere nyakuri y'abandi
- ☐ Guha ishusho ikintu – ubushobozi bwo gukora ubusitani, gutera, kunonosora
- ☐ Kuyobora – ubushobozi bwo kurema inzira, kwerekera, kuba indashyikirwa, gutsinda
- ☐ Kwigira – ubushobozi bwo kwiga ibishya, gukusanya, gusobanukirwa, kwiungura, kwiya
- ☐ Gucunga – ubushobozi bwo guhuza ibikorwa no kuyobora imirimo, gufata inshingano, guhagararira, kugenzura uburyo abantu banyuranye basohozza imirimo cyangwa ibikorwa cyangwa imbuzaruhamwe, no guhuza uducogocogo twose

- ☐ Guherekeza – ubushobozi bwo kugira inama,kwerekana inzira no kwigisha
- ☐ Gushishikaza – ubushobozi bwo gusunikira umuntu gukora,gutuma akora
- ☐ Gushyikirana – ubushobozi bwo gusobanura,kuganira, gukemura
- ☐ Gukora – ubushobozi bwo kuyobora imirimo y'amaboko cyangwa yo gushyira ibyo wize mu bikorwa(gukoresha ibikore-sho binyuranye, amamashini n'ibindi byifashishwa)
- ☐ Gutegura – ubushobozi bwo koroshya,gushyira mku murongo ,gusubiza mu buryo,gushyira mu byiciro,kuyobora
- ☐ Kwiyerekana – ubushobozi bwo kuririmba, kuvuga,kubyina, gukoresha ibyuma by'umuziki,gikira imiterere itandukanye
- ☐ Kwihangana – ubushobozi bwo kubona uko ibintu bizarangira, gushikama kugeza ibintu birangiye
- ☐ Kuba nyambere – ubushobozi bwo kuzana ikintu gishya,kigezweho ahantu, cy'umwimerere
- ☐ Guteganya – ubushobozi bwo gushyira mu mwanya, gushyira ku gishushanyo mbonera,gutegura, gushyiraho gahunda y'igihe kirambye, kurema no gutegura za gahunda n'ibikorwa mpuzaruhame
- ☐ Kwamamaza – ubushobozi bwo gutuma ibyo utekereza ubyumvisha abandigutera inkunga, gutera ingabo mu bitugu, kurata, kumurika
- ☐ Gutanga service nziza – ubushobozi bwo gukemurana urugwiro n'ubunyangamugayo ibibazo abakiliya batishimye batanze
- ☐ Kuzirikana – ubushobozi bwo kwibuka amazina y'abantu n'amasura yabo
- ☐ Kwinjiza mu kazi – ubushobozi bwo gutegura inyandiko,gukodesha,guha imyanya,gushyira ku rutonde no gushishikariza abantu kugira uruhare mu mirimo
- ☐ Gusana – ubushobozi bwo gusubiza mu buryo, gutunganya, gusubiza ibintu agaciro kabyo, gukiza, kubungabunga
- ☐ Gushakashaka – ubushobozi bwo gushaka,gukusanya,kugenzura, kwiga,gusoma, gushyira hamwe amakuru,gushaka amakuru akenewe
- ☐ Gutanga ubushobozi – ubushobozi bwo gutanga, kugeza ku bantu,gushyikiriza , gushaka no kubona ibikoresho bida-henze cyangwa ibyangombwa bikenewe
- ☐ Gukorera abandi – ubushobozi bwo gufasha,gutanga inkunga,gusohoza
- ☐ Gutegura imigambi y'igihe kirambye – ubushobozi bwo utekereza ibiri imbere,kubara,gushyira mu muteguro w'incamake
- ☐ Kwigisha – ubushobozi bwo gusobanura,kwakira amakuru,gusobanura, kuvuga,gutoza, kwerekana, kuva umuhagararizi
- ☐ Gutembera – ubushobozi bwo gukora ingendo, gusūra,gucukumbura ibishya
- ☐ Gushishoza – ubushobozi bwo kubona ishusho, utekereza,kubona icyerekezo,kurota,kujyanisha
- ☐ Gutanga ikaze – ubushobozi bwo gushimisha, gusuhuza, kwakiriza yombi,gutuma abantu bumva bisanga
- ☐ Kwandika – ubushobozi bwo guhimba, kurema, gushyingura inyandiko, kwandika utunyamakuru, amabarwa, ibitabo

IBINDI?

Ingingo yo kuzirikana

Nk'uko umubiri ari umwe ukagira ingingo nyinshi, kandi nk'uko ingingo z'umubiri zose n'ubwo ari nyinshi ari umubiri umwe, niko na Kristo ari (1 Abakorinto 12: 2)

Twese turatandukanye ari nako dufite impano zitandukanye ariko twese turi ingingo z'umubiri umwe.si ngombwa ko tugira impano zose ngo dushobore gukorera Umwami.Yaturemye uko turi kugira ngo tubashe kumukorera nk'uko imigambi ye ihebuje iri.Ariko duhamagarirwa kwagura izo mpano zose.

(Matayo 25: 14-21 - Umugani w'italanto)

IMITERERE

Ubusobanuro bw'imyifatire y'umuntu cyangwa imiterere: Indangagaciro zigize umuntu cyangwa kuba yihariye, ibyo amenyereweho bimuranga n'imyifatire ye, ibyiza bigaragara ku muntu bifatwa nk'ibiri rusange, imiterere y'ingeso na kirazira by'umuntu, ubwenge bwe n'imiterere ye karemano.

Genzura ibyo biranga imiterere bitanga ishusho y'uko wibona ubwawe n'uburyo abandi bashobora kukubona:

- | | | | |
|--|--|--|---|
| ☐ Ushira amanga | ☐ Ntutinya urugamba | ☐ Wemeza abantu | ☐ Witondera agato n'akanini |
| ☐ Uravuga cyane | ☐ Ucumbikira abashyitsi | ☐ Utanga ibisubizo | ☐ Ugira ibitekerezo byagutse |
| ☐ Ugira impuhwe | ☐ Wemera impinduka | ☐ Uratuje | ☐ Ugira iyerekwa |
| ☐ Urigengesera | ☐ Wihutisha imirimo | ☐ Umunyakuri | ☐ Uracecetse |
| ☐ Ufata imyanzuro | ☐ Urashishoza | ☐ Impirimbanyi | ☐ Urasa ku ntego |
| ☐ Urabohoka | ☐ Wigirira icyizere | ☐ Uraganduka | ☐ Uriyemeza |
| ☐ Wicisha bugufi | ☐ Ugira ubushake | ☐ Uroroheje | ☐ Ukunda bose |
| ☐ Ntuhusha intego | ☐ Uratuje | ☐ Uba ku murongo | ☐ Ugoboka abandi |
| ☐ Umunyamwete | ☐ Uririnda | ☐ Utekereza ibinini | ☐ Wiyumvisha uko abandi bamerewe |
| ☐ Umwizerwa | ☐ Ugira gahunda | ☐ Ntarusaku | |

IBINDI?

Ubundi buryo bwo gusobanura imiterere yawe ni ugukoresha ikigipimo gikurikira kugirango werekane aho uhagaze kuri buri ndangamiterere. Niba ari ngombwa, koresha ubusobanuro bukurikira kugirango ugaragaze buri ndangamiterere, zengurutse akaziga igipimo cyawe uko bikwiriye:

Mpisha ibindimo	1	2	3	4	5	6	7	8	Ngaragaza ibindimo
Ndifata	1	2	3	4	5	6	7	8	Mvugiraho/nkoreraho
Ngira amakega	1	2	3	4	5	6	7	8	Ndiyumvira
Kubitekerezaho	1	2	3	4	5	6	7	8	Kubiyumvamo
Ngendera kubyo nahawe gukora	1	2	3	4	5	6	7	8	Ndeba iby'abantu bakeneye
Ngendera kuri Gahunda	1	2	3	4	5	6	7	8	Sinita kuri gahunda

Ba mpisha ibindimo: Bishimira kubana n'abantu ariko ibibaho mu mibanire yabo bitwara imbaraga z'amarangamutima. Bakenera kumara umwanya bari bonyine kugirango basubirane imbaraga.

Ba ngaragaza ibindimo: Bakunda kuba bonyine, ariko bigakamura amarangamutima yabo. Bakenera kuba mu bandi kugira ngo bagarure imbaraga.

Ba ndifata: Bahitamo kubona umusaruro byihuse badakurikije urukurikirane rw'ibintu (process), Bishimira gahunda yatanze, ibihe ntarengwa n' intonde z'igenzura.

Ba mvugiraho na nkoreraho: Bahitamo gukurikiza gahunda yatanze batitaye kubizavamo, ntibita ku ntonde zabo z'igenzura ariko ibi ntibibamererera, bagenda uko bigiye.

Ba ngiramakenga: Bakunda imizimizo n'ibimenyetso. Basa n'abashaka kumvira hamwe ibitekerezo byinshi bitandukanye bagashaka kumenya impamvu n'uburyo kandi bagashishikazwa no gufundura ibyaba icyo bihatse.

Ba ndiyumvira: Bakusanya amakuru buri akantu ku kandi, maze bakibanda ku bifatika, amakuru n'ubunararibonye. Baba bashishikajwe no kumenya "icyo ari cyo" ngo bibaheshe kumenya "icyo gihatse".

Ba mbitekerezaho: Bafata imyazuro bashingye k' "ugutekereza". Bakurikirana ibimenyetso, amakuru, amabwiriza, n'uko intambwe zikurikirana kuruta uko imyanzuro izagira ingaruka ku bantu.

Ba "mbiyumvamo": Bafata imyanzuro bashingye ku "marangamutima". Bareba uburyo imyanzuro izagira ingaruka ku bantu aho kugendera gusa ku bimenyetso, amakuru n'ibindi.

Ba "Nkurikiza ibyo nahawe gukora": Bumva babohokeye gukorera abantu ibikorwa bahawe basa n'abaganisha ku ntego (ikigamijwe gukorwa), bashishikazwa no kugaragaza impamvu, barazwa ishingira no gukurikiza ibihe ntarengwa byashyizweho.

Ba "Nkundabantu": Bahabwa amahoro no kubana n'abantu, basa n'abita ku mibanire no gushyikirana, bashishikazwa no kurema ubuturanyi bwa benshi & no guhora bashakira kugumana itsinda.

Ba "Nkunda gahunda": Bahitamo gukurikiza gahunda yashyizweho, bashakira gukemura ibintu ako kanya, bahitamo imishinga ishyingira mu bikorwa binyuze mu mirimo ya buri munsu, babona imirimo ya buri munsu ariyo ibahesha amahoro kandi bakarushaho kurangiza imirimo yabo neza bagendeye kuri gahunda y'ibikorwa.

Ba "Sindeba gahunda": Bashakira gukora ibije byose, bahitamo ko imiryo ihora ifunguye, bakunda imishinga y'urunyurane, babona imirimo ya buri munsu irambirana ahubwo bakikundira gukora ibije bagakomeza.

INARARIBONYE

Ibyo uzi byose nibyo wabonye byose Imana ibikoresha kugira ngo igutegurire ejo heza. Imana ikoresha ibyo unyuramo byose mu buzima byaba ibyiza cyangwa ibibi mu kugutegurira ibizaza imbere yawe.

Gusubiza ibibazo bikurikira byagufasha kumenya ibyo uzi wanyuzemo bishobora kwifashishwa neza mu murimo wawe w'igihe kizaza.

1. N'ibizi ibyereye nararibonye mu mibereho y'Umwuka wagize? Shyiramo n'imyanzuro y'ingenzi wa-fashe, igihe wabonye n'Imana cyane cyane ibihe wumvaga wegereye Imana.

.....

.....

.....

.....

.....

2. Ese inararibonye y'amashuri wagize ni ibizi? Shyiramo aho wize, amahugurwa yihariye wagize, impamyabumenyi, amasomo wakunze kurusha ayandi haba mu ishuri cyangwa mu kwime-nyereza umwuga.

.....

.....

.....

.....

.....

3. Ni ibizi ibyereye nararibonye wagize mu mwuga? Shyiramo aho wakoreye, ubwoko bw'akazi wakoze, imirimo cyangwa inshingano.

.....

.....

.....

.....

.....

4. Ni ibizi ibyereye nararibonye wagize mu murimo w'Imana? Shyiramo imyanya wakoze mu inshingano wakoze n'ubwoko bw'umurimo w'Imana.

.....

.....

.....

.....

.....

5. Ni ibizi ibyereye nararibonye yambuka imbibe wagize? Shyiramo imiryango, imibanire n'abantu, ibihugu n'ahantu n'inararibonye mubya misiyo.

.....

.....

.....

.....

.....

6. Ni ibiki byakubabaje mu buzima wahuye nabyo nk' ibijyanye n'ubuzima, abo mwabonye mwag-era aho mugatandukana nabi, ibibazo, ibikomere, intambara n'ibibazo by'amafaranga?

.....

.....

.....

.....

.....

Umwirondoro w'IMITERERE yanjye

Kumenya imiterere yawe niyo ntambwe ya mbere yo kumenya umwanya wawe mu murimo ngo uzabashe kugera ku ntego wahamagariwe mu Bwami.Uru rupapuro rugufasha gushyira ucuze twose hamwe ukabona uburyo Imana yakuremye byihariye.

Impano z'Umwuka:

Impano z'Umwuka 5 zingaragaraho kurusha izindi:

1.
2.
3.
4.
5.

Umutima:

Ikintu kinyobora muby'ukuri ni ...

.....

Abantu nshaka cyane kwitaho ni ...

.....

Ndashaka gufasha aba bantu kugira ngo bagere kuri ibi bikurikira ...

.....

Impamvu nzabafasha kubigeraho ni ...

.....

Inzosi nzakora ibishoboka byose ngo nzigereho ni ...

.....

.....

Ubushobozi:

Ubushobozi 5 bungaragaraho kuruta ubundi ni:

1.
2.
3.
4.
5.

Imimerere:

Imimerere yanjye nayisobanura nka ...

.....

.....

.....

.....

Inararibonye:

Amasomo nigiye mu nararibonye yanjye mu byiza no mu bibi ni ...

.....

.....

Mu nararibonye yanjye yose, mu byiza no mu bibi, ni iyihe nizera ko yamfasha kurushaho mu gukorera no gufasha abandi?

.....

.....

Shushanya imiterere yawe n'ubuzima bwawe bw'igihe kizaza ukorera Kristo
(Feel free to draw whatever you feel knowing that most of us draw like 5 years old children)



Maze kumenya IMITERERE, Iyerekwa / n'umurimo Imana yanshyize mu mutima, nsezeranye gukora uko nshoboye kose ngakorera Imana nk'umunyetorero aho ntuye no mu itorero ryo ku isi yose ariwo mubiri wa Kristo.

Amazina: Tariiki: Umukono:

GUKORESHA IMITERERE

Ese utekereje kuri uyu umwitozo n'icyo waba uvuze mu gukorera abandi- Ni iyihe mirimo (mu matorero cyangwa imiryango) uzi kugeza ubu aho IMITERERE yawe yaguhaye uburyo bwo gukora neza bihagije?

.....

.....

Niba ubona ntahantu hahari hajyanye n'IMITERERE yawe, ni ubuhe buryo bwo gukora Imana ishobora kuba Iguhamagarira ngo ugire uruhare mukubusengera cyangwa kubwitoza ushingiyeye ku MITERERE yawe?

.....

.....

Twe NTABWO tukwinjiza mu akazi kuko Imana ariyo yonyine itoranya kandi ikamenya imigambi YAYO ku buzima bwanyu, ariko niba wumva warahamagarirwe kwira ku bandi no guhuza umurimo mu

- Kwita ku bakristo bagukikije muby'ukuri ubatera umwete wo gukuza impano zabo no,
- Gufasha abavandimwe gusobanukirwa **abo baribo muri Kristo**, (urugero ukorera abakristu benshi bashoboka iri genzura ry' imiterere yabo),
- **Kubarura ibikoresho** mu mubiri wa Kristo, nyuma ukazabikwirikanya kugira ngo hadasigara ugize icyo akenye (2 abakorinto 8-9),
- **Kuba umuhuza** hagati y'itorero ryanjye aho ntuye n'andi matorero n'imiryango kugira ngo bashyigikirane kandi bafatanye gukorera hamwe (Abefeso 6),
- Gukora kugira ngo isengesho Yesu yasenze ry' **Ubumwe bw'abakristo** rigerweho (Yohana 17),

Noneho wegere umuyobozi wawe **muby'Umwuka** kandi turagusaba kuvuganira natwe aha hakurikira:

Tel: (+230) 59467517
Mail: daybreakacademy@live.com
Web site: www.daybreak-academy.org
Facebook: <https://www.facebook.com/daybreak.mauritius> or
<https://www.facebook.com/daybreakacademymauritius/>



Daybreak academy ikora nk' umuryango ushingiyeye ku myemerere ya Gikristu (umuryango wemewe n'amategako No12068 wo kuwa 14 Gashyantare 2011) Ukaba ugamije urukundo & ubumwe mu mubiri wa Kristo ku isi yose hatezwa imbere ukwita kubawugize & gushyikirana, no kworoshya ubufatanye mu bakristo, amatorero n' imiryango. Ibikorwa byacu bitatu by'ingenzi ni ibi bikurikira:

1. KWITA KU BANTU /gushyigikira imiryango ya gikristu mu guteza imbere abo bashinzwe & n'ibigo byabo byo gutanga amakuru (kugaragaza ubutunzi bafite/bifitemo no kwita kubyo bakeneye mu buryo bw'umubiri, umwuka n'amaranga mutima yabo) maze bagafashwa mu mibanire hagati yabo (Abaheburayo 10: 24).
2. GUSHYIGIKIRANA/guteza imbere umuco wo kuba magirirane (Ibyakozw 4: 32) mu bakristo bo ku isi yose no matorero n'amadini bidashyigiyeye ku magambo gusa ahubwo no mu bikorwa byacu.
3. UGUHUZA ABANTU/guhuza abakristo, amatorero n'imiryango bahuje ibibazo cyangwa bakora ibikorwa bimwe kugirango barushaho gukorera hamwe kandi neza, bityo imikoranire ikoroha (Yohana 17: 21).